

ITEKA RYA PEREZIDA N° 015/01 RYO KU WA 25/08/2025 RIGENGA INAMA ZIFATA IBYEMEZO MU NGABO Z’U RWANDA <u>ISHAKIRO</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Abagize Inama Nkuru y’Ubuyobozi Bukuru <u>Ingingo ya 3:</u> Inshingano z’Inama Nkuru y’Ubuyobozi Bukuru <u>Ingingo ya 4:</u> Imikorere y’Inama Nkuru y’Ubuyobozi Bukuru <u>Ingingo ya 5:</u> Abagize Inama Mpuzabikorwa <u>Ingingo ya 6:</u> Inshingano z’Inama Mpuzabikorwa <u>Ingingo ya 7:</u> Imikorere y’Inama Mpuzabikorwa <u>Ingingo ya 8:</u> Abagize Inama y’Ubuyobozi Bukuru <u>Ingingo ya 9:</u> Inshingano y’Inama	PRESIDENTIAL ORDER N° 015/01 OF 25/08/2025 GOVERNING THE DECISION-MAKING COUNCILS OF THE RWANDA DEFENCE FORCE <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>Article One:</u> Purpose of this Order <u>Article 2:</u> Composition of High Command Council <u>Article 3:</u> Responsibilities of High Command Council <u>Article 4:</u> Functioning of High Command Council <u>Article 5:</u> Composition of Defence Management Council <u>Article 6:</u> Responsibilities of Defence Management Council <u>Article 7:</u> Functioning of Defence Management Council <u>Article 8:</u> Composition of Joint Command Council <u>Article 9:</u> Responsibility of Joint	ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 015/01 DU 25/08/2025 RÉGISSANT LES CONSEILS DE PRISE DE DÉCISION DES FORCES RWANDAISES DE DÉFENSE <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté <u>Article 2 :</u> Composition du Haut Conseil de Commandement <u>Article 3 :</u> Attributions du Haut Conseil de Commandement <u>Article 4 :</u> Fonctionnement du Haut Conseil de Commandement <u>Article 5 :</u> Composition du Conseil de Gestion de la Défense <u>Article 6 :</u> Attributions du Conseil de Gestion de la Défense <u>Article 7 :</u> Fonctionnement du Conseil de Gestion de la Défense <u>Article 8 :</u> Composition du Conseil de Commandement Général <u>Article 9 :</u> Attribution du Conseil de
---	---	--

y'Ubuyobozi Bukuru <u>Ingingo ya 10:</u> Imikorere y'Inama y'Ubuyobozi Bukuru <u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Inama y'Abakuru b'Ingabo <u>Ingingo ya 12:</u> Inshingano z'Inama y'Abakuru b'Ingabo <u>Ingingo ya 13:</u> Imikorere y'Inama y'Abakuru b'Ingabo <u>Ingingo ya 14:</u> Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka <u>Ingingo ya 15:</u> Ingingo y'ururimi <u>Ingingo ya 16:</u> Ingingo ivanaho <u>Ingingo ya 17:</u> Gutangira gukurikizwa	Command Council <u>Article 10:</u> Functioning of Joint Command Council <u>Article 11:</u> Composition of Command and Staff Council <u>Article 12:</u> Responsibilities of Command and Staff Council <u>Article 13:</u> Functioning of Command and Staff Council <u>Article 14:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order <u>Article 15:</u> Language provision <u>Article 16:</u> Repealing provision <u>Article 17:</u> Entry into force	Commandement Général <u>Article 10 :</u> Fonctionnement du Conseil de Commandement Général <u>Article 11 :</u> Composition du Conseil de Commandement et d'Administration <u>Article 12 :</u> Attributions du Conseil de Commandement et d'Administration <u>Article 13 :</u> Fonctionnement du Conseil de Commandement et d'Administration <u>Article 14 :</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté <u>Article 15 :</u> Disposition linguistique <u>Article 16 :</u> Disposition abrogatoire <u>Article 17 :</u> Entrée en vigueur
--	---	--

Official Gazette n° Special of 27/08/2025

ITEKA RYA PEREZIDA N° 015/01 RYO KU WA 25/08/2025 RIGENGA INAMA ZIFATA IBYEMEZO MU NGABO Z’U RWANDA Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika; Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda; Dushingiye ku Itegeko n° 64/2024 ryo ku wa 20/06/2024 rigenga Ingabo z’u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 27; Dusubiye ku Iteka rya Perezida n° 34/01 ryo ku wa 03/09/2012 rigena inshingano z’Inama z’Ingabo z’u Rwanda zifata ibyemezo, abazigize n’imikorere yazo; Bisabwe na Minisitiri w’Ingabo; Inama y’Abaminisitiri yateranye ku wa 17/04/2025 imaze kubisuzuma no kubyemeza; DUTEGETSE:	PRESIDENTIAL ORDER N° 015/01 OF 25/08/2025 GOVERNING THE DECISION-MAKING COUNCILS OF THE RWANDA DEFENCE FORCE We, KAGAME Paul, President of the Republic; Pursuant to the Constitution of the Republic; Pursuant to Law n° 64/2024 of 20/06/2024 governing the Rwanda Defence Force, especially in Article 27; Having reviewed Presidential Order n° 34/01 of 03/09/2012 determining the responsibilities, composition and functioning of the decision-making councils of the Rwanda Defence Forces; On proposal by the Minister of Defence; After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 17/04/2025; DO ORDER:	ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 015/01 DU 25/08/2025 RÉGISSANT LES CONSEILS DE PRISE DE DÉCISION DES FORCES RWANDAISES DE DÉFENSE Nous, KAGAME Paul, Président de la République ; Vu la Constitution de la République du Rwanda ; Vu la Loi n° 64/2024 du 20/06/2024 régissant les Forces Rwandaises de Défense, spécialement en son article 27 ; Revu l’Arrêté Présidentiel n° 34/01 du 03/09/2012 déterminant les attributions, la composition et le fonctionnement des forums de prise de décision des Forces Rwandaises de Défense ; Sur proposition du Ministre de la Défense ; Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 17/04/2025 ; ARRÊTONS :
---	--	---

<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamiye Iri teka rigena abagize, inshingano n'imikorere by' – (a) Inama Nkuru y'Ubuyobozi Bukuru; (b) Inama Mpuzabikorwa; (c) Inama y'Ubuyobozi Bukuru; (d) n'Inama y'Abakuru b'Ingabo.	<u>Article One:</u> Purpose of this Order This Order determines the composition, responsibilities and functioning of – (a) the High Command Council; (b) the Defence Management Council; (c) the Joint Command Council; and (d) the Command and Staff Council.	<u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté Le présent arrêté détermine la composition, les attributions et le fonctionnement du – (a) Haut Conseil de Commandement ; (b) Conseil de Gestion de la Défense ; (c) Conseil de Commandement Général; et (d) Conseil de Commandement et d'Administration.
<u>Ingingo ya 2:</u> Abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi Bukuru Inama Nkuru y'Ubuyobozi Bukuru igizwe na– (a) Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda; (b) Minisitiri w'Ingabo; (c) Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda; (d) Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda Wungirije;	<u>Article 2:</u> Composition of High Command Council The High Command Council is composed of– (a) the Commander-in-Chief of Rwanda Defence Force; (b) the Minister of Defence; (c) the Chief of Defence Staff of the Rwanda Defence Force; (d) the Deputy Chief of Defence Staff of the Rwanda Defence Force;	<u>Article 2 :</u> Composition du Haut Conseil de Commandement Le Haut Conseil de Commandement est composé par – (a) le Commandant Suprême des Forces Rwandaises de Défense ; (b) le Ministre de la Défense ; (c) le Chef d'État-Major Général des Forces Rwandaises de Défense ; (d) le Chef d'État-Major Général Adjoint des Forces Rwandaises de Défense ;

Official Gazette n° Special of 27/08/2025

(e) Abagaba b'Ingabo; (f) Umugenzuzi Mukuru; (g) Abagaba b'Ingabo Bungirije; (h) Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ingabo; (i) ba komanda ba diviziyo, ab'imitwe, ab'Inkeragutabara ku rwego rw'Intara, aba <i>Air Groups and Brigades</i>; (j) Umuyobozi wa Kaminuza y'Ingabo, abayobozi b'Akademi ya Gisirikare, abayobozi b'amashuri na kolejari bya gisirikare; (k) Umuyobozi w'Ibitaro bya gisirikare by'u Rwanda byigisha n'abayobozi b'ibigo by'ubuvuzi bya gisirikare; (l) abayobozi bakuru n'abayobozi b'amashuri mu Buyobozi Bukuru bw'Ingabo.	(e) Chiefs of Staff; (f) the Inspector General; (g) Deputy Chiefs of Staff; (h) the Permanent Secretary in the Ministry of Defence; (i) commanders of divisions, units, Reserve Force at regional level, Air Groups and Brigades; (j) the Commandant of Defence University, commandants of Military Academy, commandants of military schools and colleges; (k) the Commandant of Rwanda Military Teaching Hospital and commandants of military health facilities; (l) Joint General Staff and Heads of Departments.	(e) les Chefs d'État-Major ; (f) l'Inspecteur Général ; (g) les Chefs d'État-Major adjoints ; (h) le Secrétaire Permanent au Ministère de la Défense ; (i) les commandants des divisions, des unités, de la Force de Réserve au niveau régional, des Groupes aériens et des Brigades ; (j) le Commandant de l'Université de Défense, les commandants de l'Académie Militaire, les commandants des écoles et des collèges militaires ; (k) le Commandant de l'Hôpital Militaire d'Enseignement du Rwanda et les commandants des établissements militaires de santé ; (l) les chefs de bureaux et de départements de l'État-Major Général.
--	---	--

<u>Ingingo ya 3: Inshingano z’Inama Nkuru y’Ubuyobozi Bukuru</u> Inama Nkuru y’Ubuyobozi Bukuru ifata ibyemezo ku rwego rwo hejuru ku birebana no kurinda Igihugu n’umutekano wacyo, n’imiyoborere rusange y’Ingabo z’u Rwanda.	<u>Article 3: Responsibilities of High Command Council</u> The High Command Council takes strategic decisions on matters concerning national defence and security, command and general management of the Rwanda Defence Force.	<u>Article 3 : Attributions du Haut Conseil de Commandement</u> Le Haut Conseil de Commandement prend les décisions stratégiques sur les affaires qui concernent la défense et la sécurité nationales, le commandement et la gestion générale des Forces Rwandaises de Défense.
<u>Ingingo ya 4: Imikorere y’Inama Nkuru y’Ubuyobozi Bukuru</u> (1) Inama Nkuru y’Ubuyobozi Bukuru iyoborwa n’Umugaba w’Ikirenga w’Ingabo z’u Rwanda. Iterana rimwe mu mwaka n’igihe cyose bibaye ngombwa. (2) Umugaba w’Ikirenga w’Ingabo z’u Rwanda ashobora gutumira mu Nama Nkuru y’Ubuyobozi Bukuru ba Jenerali bakiri mu kazi n’abari mu kiruhuko cy’izabukuru, cyangwa undi muntu.	<u>Article 4: Functioning of High Command Council</u> (1) The High Command Council is chaired by the Commander-in-Chief of the Rwanda Defence Force. It is held once a year and whenever necessary. (2) The Commander-in-Chief of the Rwanda Defence Force may convene active and retired Generals or another person to the High Command Council.	<u>Article 4 : Fonctionnement du Haut Conseil de Commandement</u> (1) Le Haut Conseil de Commandement est présidé par le Commandant Suprême des Forces Rwandaises de Défense. Il se réunit une fois par an et chaque fois que de besoin. (2) Le Commandant Suprême des Forces Rwandaises de Défense peut inviter au Haut Conseil de Commandement des Généraux en activité et ceux en retraite, ou une autre personne.
<u>Ingingo ya 5: Abagize Inama Mpuzabikorwa</u> Inama Mpuzabikorwa igizwe na – (a) Minisitiri w’Ingabo;	<u>Article 5: Composition of Defence Management Council</u> The Defence Management Council is composed of – (a) the Minister of Defence;	<u>Article 5 : Composition du Conseil de Gestion de la Défense</u> Le Conseil de Gestion de la Défense est composé par – (a) le Ministre de la Défense ;

(b) Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda; (c) Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda Wungirije; (d) abagaba b'Ingabo; (e) Umugenzuzi Mukuru; (f) abagaba b'Ingabo bungirije; (g) Umunyabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ingabo. <u>Ingingo ya 6: Inshingano z'Inama Mpuzabikorwa</u> Inama Mpuzabikorwa ifite inshingano zikurikira: (a) gusuzuma iby'ingenzi bijyanye na politiki; (b) gutegura igenamigambi; (c) gutegura gahunda; (d) imiyoborere muri Minisiteri y'Ingabo.	(b) the Chief of Defence Staff of the Rwanda Defence Force; (c) the Deputy Chief of Defence Staff of the Rwanda Defence Force; (d) Chiefs of Staff; (e) the Inspector General; (f) deputy Chiefs of Staff; (g) the Permanent Secretary in the Ministry of Defence. <u>Article 6: Responsibilities of Defence Management Council</u> The Defence Management Council has the following responsibilities: (a) to examine significant matters of policy; (b) to prepare the action plan; (c) to prepare programmes; (d) administration in the Ministry of defence.	(b) le Chef d'État-Major Général des Forces Rwandaises de Défense ; (c) le Chef d'État-Major Général Adjoint des Forces Rwandaises de Défense ; (d) les chefs d'État-Major ; (e) l'Inspecteur Général ; (f) les chefs d'État-Major adjoints ; (g) le Secrétaire Permanent au Ministère de la Défense. <u>Article 6 : Attributions du Conseil de Gestion de la Défense</u> Le Conseil de Gestion de la Défense a les attributions suivantes : (a) examiner les affaires importantes relatives à la politique ; (b) préparer un plan d'action ; (c) préparer des programmes ; (d) l'administration au sein du Ministère de la Défense.
--	---	---

<u>Ingingo ya 7: Imikorere y’Inama Mpuzabikorwa</u> (1) Inama Mpuzabikorwa iyoborwa na Minisitiri w’Ingabo. Iterana rimwe mu kwezi n’igihe cyose bibaye ngombwa. (2) Minisitiri w’Ingabo ashobora gutumira undi muntu mu Nama Mpuzabikorwa igihe cyose bibaye ngombwa.	<u>Article 7: Functioning of Defence Management Council</u> (1) The Defence Management Council is chaired by the Minister of Defence. It is held once a month and whenever necessary. (2) The Minister of Defence may invite to the Defence Management Council another person whenever necessary. u	<u>Article 7 : Fonctionnement du Conseil de Gestion de la Défense</u> (1) Le Conseil de Gestion de la Défense est présidé par le Ministre de la Défense. Il se réunit une fois le mois et chaque fois que de besoin. (2) Le Ministre de la Défense peut inviter au Conseil de Gestion de la Défense une autre personne chaque fois que de besoin.
<u>Ingingo ya 8: Abagize Inama y’Ubuyobozi Bukuru</u> (1) Inama y’Ubuyobozi Bukuru igizwe na— (a) Umugaba Mukuru w’Ingabo; (b) Umugaba Mukuru w’Ingabo Wungirije; (c) abagaba b’Ingabo; (d) Umugenzuzi Mukuru; (e) abagaba b’Ingabo bungirije; (f) Komanda w’Umutwe ushinzwe kurinda inzego nkuru z’Igihugu;	<u>Article 8: Composition of Joint Command Council</u> (1) The Joint Command Council is composed of — (a) the Chief of Defence Staff; (b) the Deputy Chief of Defence Staff; (c) Chiefs of Staff; (d) the Inspector General; (e) deputy Chiefs of Staff; (f) the Commander of Republican Guard;	<u>Article 8 : Composition du Conseil de Commandement Général</u> (1) Le Conseil de Commandement Général est composé par — (a) le Chef d’État-Major Général ; (b) le Chef d’État-Major Général Adjoint ; (c) les chefs d’État-Major ; (d) l’Inspecteur Général ; (e) les chefs d’État-Major adjoints; (f) le Commandant de la Garde républicaine ;

(g) Komanda w'Umutwe w'Ingabo ushinzwe ibikorwa byihariye; (h) n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ishami ry'ubutasi mu Ngabo z'u Rwanda; (2) Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda ashobora gushyiraho undi ugize Inama y'Ubuyobozi Bukuru. <u>Ingingo ya 9: Inshingano y'Inama y'Ubuyobozi Bukuru</u> Inama y'Ubuyobozi Bukuru ifite inshingano yo kwiga ku bibazo bijyanye no gutanga amabwiriza, ubugenzuzi n'imiyoborere by'Ingabo z'u Rwanda. <u>Ingingo ya 10: Imikorere y'Inama y'Ubuyobozi Bukuru</u> Inama y'Ubuyobozi Bukuru iyoborwa n'Umugaba Mukuru w'Ingabo. Iterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa.	(g) the Commander of Special Operations Force; and (h) the Head of Defence Intelligence Department in Rwanda Defence Force. (2) The Commander-In-Chief of the Rwanda Defence Force may appoint another member of the Joint Command Council. <u>Article 9: Responsibility of Joint Command Council</u> The Joint Command Council has the responsibility of handling issues related to command, control, and management of the Rwanda Defence Force. <u>Article 10: Functioning of Joint Command Council</u> The Joint Command Council is chaired by the Chief of Defence Staff. It is held once a month and whenever necessary.	(g) le Commandant de la Force des opérations spéciales ; et (h) le Chef de Département des services de renseignement militaire au sein des Forces Rwandaises de Défense. (2) Le Commandant Suprême des Forces Rwandaises de Défense peut nommer un autre membre du Conseil de Commandement Général. <u>Article 9 : Attribution du Conseil de Commandement Général</u> Le Conseil de Commandement Général a l'attribution de traiter les questions liées au commandement, au contrôle et à la gestion des Forces Rwandaises de Défense. <u>Article 10 : Fonctionnement du Conseil de Commandement Général</u> Le Conseil de Commandement Général est présidé par le Chef d'État-Major Général. Il se réunit une fois le mois et chaque fois que de besoin.
--	---	--

<u>Ingingo ya 11: Abagize Inama y'Abakuru b'Ingabo</u>	<u>Article 11: Composition of Command and Staff Council</u>	<u>Article 11 : Composition du Conseil de Commandement et d'Administration</u>
Inama y'Abakuru b'Ingabo igizwe na –	The Command and Staff Council is composed of –	Le Conseil de Commandement et d'Administration est composé par –
(a) Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda;	(a) the Chief of Defence Staff of Rwanda Defence Force;	(a) le Chef d'État-Major Général des Forces Rwandaises de Défense ;
(b) Umugaba Mukuru w'Ingabo Wungirije w'Ingabo z'u Rwanda;	(b) the Deputy Chief of Defence Staff of Rwanda Defence Force;	(b) le Chef d'État-Major Général Adjoint des Forces Rwandaises de Défense ;
(c) abagaba b'Ingabo;	(c) Chiefs of Staff;	(c) les chefs d'État-Major ;
(d) Umugenzuzi Mukuru;	(d) the Inspector General;	(d) l'Inspecteur Général ;
(e) abagaba b'Ingabo bungirije;	(e) deputy Chiefs of Staff;	(e) les chefs d'État-Major adjoints ;
(f) abayobozi b'imitwe y'Ingabo n'abayobozi b'Inkeragutabara ku rwego rw'Intara;	(f) commanders of formations and Reserve Force Regional Commanders;	(f) les commandants des unités et les commandants de la Force de réserve au niveau régional ;
(g) Umuyobozi w'Ibitaro bya gisirikare by'u Rwanda byigisha;	(g) the Commandant of Rwanda Military Teaching Hospital;	(g) le Commandant de l'Hôpital Militaire d'Enseignement du Rwanda ;
(h) abayobozi b'ibigo by'ubuvuzi bya gisirikare;	(h) commandants of military health facilities;	(h) les commandants des établissements militaires de santé ;
(i) abayobozi ba Akademi ya Gisirikare y'u Rwanda, abayobozi b'amashuri na koleji bya gisirikare;	(i) commandants of Rwanda Military Academy, commandants of military schools and colleges;	(i) les commandants de l'Académie Militaire du Rwanda, les commandants des écoles et des collèges militaires ;

(j) abayobozi bakuru n'abayobozi b'ibiro mu Buyobozi Bukuru bw'Ingabo; (k) n'abayobozi ba batayo n'ab'Inkeragutabara ku rwego rw'Akarere. <u>Ingingo ya 12: Inshingano z'Inama y'Abakuru b'Ingabo</u> Inama y'Abakuru b'Ingabo ishinze imiyoborere n'imyitwarire mu Ngabo z'u Rwanda. <u>Ingingo ya 13: Imikorere y'Inama y'Abakuru b'Ingabo</u> (1) Inama y'Abakuru b'Ingabo iyoborwa n'Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda. Iterana rimwe mu mezi atatu n'igihe cyose bibaye ngombwa. (2) Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda ashobora gutumira undi muntu mu Nama y'Abakuru b'Ingabo.	(j) Joint General Staff and Heads of departments; and (k) battalion and Reserve Force commanders at district level. <u>Article 12: Responsibilities of Command and Staff Council</u> The Command and Staff Council is responsible for administration and discipline in the Rwanda Defence Force. <u>Article 13: Functioning of Command and Staff Council</u> (1) The Command and Staff Council is chaired by the Chief of Defence Staff of the Rwanda Defence Force. It is held quarterly and whenever necessary. (2) The Chief of Defence Staff of the Rwanda Defence Force may invite another person to attend the Command and Staff Council.	(j) les chefs de bureaux et les chefs de départements au sein de l'État-Major Général ; et (k) les commandants des bataillons et ceux de la Force de réserve au niveau du district. <u>Article 12 : Attributions du Conseil de Commandement et d'Administration</u> Le Conseil de Commandement et d'Administration est chargé de l'administration et de la discipline au sein des Forces Rwandaises de Défense. <u>Article 13 : Fonctionnement du Conseil de Commandement et d'Administration</u> (1) Le Conseil de Commandement et d'Administration est présidé par le Chef d'État-Major Général des Forces Rwandaises de Défense. Il se réunit une fois par trimestre et chaque fois que de besoin. (2) Le Chef d'État-Major Général des Forces Rwandaises de Défense peut inviter une autre personne au Conseil de Commandement et d'Administration.
---	--	--

<u>Ingingo ya 14: Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u> Minisitiri w’Intebe na Minisitiri w’Ingabo bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. <u>Ingingo ya 15: Ingingo y’ururimi</u> Iri teka ryateguwe mu rurimi rw’Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 16: Ingingo ivanaho</u> Iteka rya Perezida n° 34/01 ryo ku wa 03/09/2012 rigena inshingano z’Inama z’Ingabo z’u Rwanda zifata ibyemezo, abazigize n’imikorere yazo rivanyweho. <u>Ingingo ya 17: Gutangira gukurikizwa</u> Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsiri ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubilika y’u Rwanda.	<u>Article 14: Authorities responsible for the implementation of this Order</u> The Prime Minister and the Minister of Defence are entrusted with the implementation of this Order. <u>Article 15: Language provision</u> This Order was drafted in Ikinyarwanda. <u>Article 16: Repealing provision</u> Presidential Order n° 34/01 of 03/09/2012 determining the responsibilities, composition and functioning of the decision-making councils of the Rwanda Defence Forces is repealed. <u>Article 17: Entry into force</u> This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 14 : Autorités chargées de l’exécution du présent arrêté</u> Le Premier Ministre et le Ministre de la Défense sont chargés de l’exécution du présent arrêté. <u>Article 15 : Disposition linguistique</u> Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda. <u>Article 16 : Disposition abrogatoire</u> L’Arrêté Présidentiel n° 34/01 du 03/09/2012 déterminant les attributions, la composition et le fonctionnement des forums de prise de décision des Forces Rwandaises de Défense est abrogé. <u>Article 17 : Entrée en vigueur</u> Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
--	--	---

Kigali, 25/08/2025

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NSENGIYUMVA Justin
Minisitiri w’Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w’Ubutabera akaba n’Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux